D.2 Patrimoine culturel

Gusaba inkunga yo gucapisha igitabo

1958

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES SPORTS, DE LA CULTURE ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

## FICHE DE TRANSMISSION :

DESTINATAIRE Patrimoine culturel

EXPEDITEUR D.C.A.

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

1/ Lire le dossier qui n'est pas étranger au P.C. m si il s'en situe aux antipodes.
2/ Apprécier l'oeuvre.
3/ Mwandikire Minisitiri mushyigikira uyu muntu

Date 15/6/98 Signature

**TWAHIRWA Issa**
Umwanditsi n'Umushakashatsi
B.P. 1515 KIGALI-RWANDA

Kigali kuwa 30/05/1998

A traiter par ...
Date entrée : 5/6/98
N° Classement : 3145/...

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Imali
n'Igenamigambi
KIGALI

DEA
Etude & Avis
9.6.98

Impamvu: Gusaba inkunga yo gucapisha igitabo

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Mbandikiye mu cyubahiro cyanyu ngamije kubasaba inkunga yo gucapisha igitabo nanditse nise "TURWANYE RUSWA NA MAGENDU".

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, icyo gitabo natangiye kucyandika mu mwaka wa 1989 maze kwitegereza ukuntu ruswa iganje mu bihugu by'ibiyaga bigari na Afrika y'uburasirazuba nashoboye kugeramo. Nkirangije muri uwo mwaka, ntangira kugisabira inkunga mu buyobozi bwa Leta, abategetsi bariho icyo gihe barakirangarana, ahanini bitewe n'uko bamwe muri bo batifuzaga ko gisohoka. Bigeze mu mwaka wa 1990 nabwo ntanga kopi eshatu kwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, uw'Abakozi ba Leta no ku Munyamabanga Mukuru wa MRND.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, ntimuyobewe ukuntu igihugu cyajemo ruswa gihora kirwaye indwara idakira (imungu). Abantu bica abandi bagatanga ruswa ntibafungwe, batanga ruswa bagahamwa imirimo badashoboye, batanga ruswa, abana babo bagahabwa amashuri batatsindiye, n'ibindi...Ntimuyobewe nanone ukuntu magendu imunga ubukungu bw'igihugu bukayoyokera mu mifuka y'abantu b'abangizi, bamwe bagakira abandi bakicwa na bwaki!!

Maze kwitegereza ibyo byose, nahisemo kubyandikamo igitabo no kubishyira ahagaragara nizera ko ari bumwe mu buryo bwo kwamagana, kurwanya no kuburira abafite inyota yo gukira vuba bakoresha ruswa na magendu.

Ariko, Nyakubahwa Bwana Minisitiri, nubwo ngirango icyo gitabo kijye ahagaragara, nta mikoro mfite yo kugicapisha, nkaba nsaba ko Minisiteri muyobora yanshyigikira muri uwo mugambi wo kurwanya ibimunga ubukungu bw'igihugu cyacu, maze tukubaka u Rwanda rushya koko. Hamwe n'uru rwandiko, mbohereje kopi y'igitabo na devis y'icapiro ku bitabo ibihumbi cumi (10.000 Frw).

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza, mbaye mbashimiye Nyakubahwa Bwana Minisitiri, mbifuriza ishya n'ihirwe mu murimo mushinzwe.

TWAHIRWA Issa

<u>Bimenyeshejwe</u>:

- Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Bwana Visi Perezida wa Repubulika
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza abantu
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Ubutabera
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Uburezi
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Madamu Minisitiri w'Umuryango, Imibereho myiza n'Uburinganire
  <u>KIGALI</u>
- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco ni'Imyuga iciriritse
  <u>KIGALI</u>

IMPRIMERIE NATIONALE DU RWANDA
B. P. 351 Kigali
Tél. 75350

Averser au compte
B. N. R. N° 125.00.55

# DEVIS No 1034/98 V/B. Cde No

Client TWAHIRWA

B. P. .............................. Tél. .................. A contacter ..............................

| Fiche N° | Nombre | Spécification des articles imprimés | P. Unit. | Total |
|---|---|---|---|---|
| | 10.000 | Livrets ft. A5 sur 80gr blanc "DUHAGURUKE TURWANYE RUSWA" | 200 | 2.000.000 |
| | | | Total | 2.000.000 |

Certifié sincère et véritable et arrêté à la somme de : Deux millions de francs

Pour accord
Nom :
Fonction :
Signature

MUTABAZI Déo

Kigali, le 3/6/98

DUHAGURUKE TURWANYE RUSWA

NA

M A G E N D U.

# ITANGIRIRO:

IGICE CYA MBERE:

1 . Icyatumye Ruswa ibaho; Folode cyangwa Magendu
2. Uko Leta zasimburanye nyuma y'ubukolonize
3. Urubyaro nyuma y'aho u Rwanda ruboneyeubwigenge.
4. Ubwiyumve no kwimenya (umwirato) bivanze na Ruswa.

IGICE CYA KABILI:

5. Abenegihugu bafashwe bate?
6. Za Leta zaragakoze
7. Muri Politiki habamo ruswa?
8. Ingaruka yabyose.

# I N T A N G I R I R O:

Mu gihe abirabura bari batangiye kwigobotora ingoyi ya Gikoronize bari bamazeho imyaka itabalika bari mu nzara z'abera nk'agahene kari mu nzara z'Intare, ubwo hari n'abandi bari mu buryo bwo kwangiza kugirango abo bazungu babone inzira zo kuguma muri Afrika.

Abantu baranganye karahava, bamwe bati ntidushaka ko abazungu bagenda, abandi bati ntaho bajya byanze bikunze.
Abazungu bo bitangiraga ibiceli baha abo babarwanirira; iyo urebye iyo ni ruswa s'ikindi kindi; ,ngaho aho yatangiriye.
Ubundi mu Rwanda, nta ruswa yahabagaa usibye bya bindi byo guhana inka, umurima, isambu, umugeni n'ibindi.

Byaranze abirabura baba baratsinze, abazungu bahambira utwabo twangushye basubira kw'ivuko. Abirabura bataha za biro, ahari ba Administrateurs hajya ba Prefet, ahari ba S/chef, hajya ba Konseye ahari ba Chef hajya ba Bourgmestres, mbese imyanya barayigabanya, ubwo rubanda rubatega amaso.

Ntibyatinze, ubwo umwirabura aba yigize Imana mu gihugu ategeka, abafasha be nabo baba baramwiganye; dore ko ngo umwera uvuye ibukuru bucya wakwiriye hose. Abantu barikunda karahava, udafite uwe muri abo bategetsi bashya, ntagire n'ifaranga aba aratakaye, haba mu kazi ka buri munsi, haba mu mashuli, haba kwa Muganga ndetse no muri byose bidufasha mu mibereho yacu ya buri munsi.

Byose byagiye bihindagurika kubera uko abo bene wacu bifuzaga kwifata nk'uko abobakuye mu biro bifataga, uko bambaraga, uko baryaga, uko banywaga. Utaretse no gushaka amamodoka, amapikipiki n'amagale. Utaretse no kubaka amazu y'amagorofa n'andi meza, ndetse no kumva iraha mu buryo bundi nko gukunda abakobwa n'ibindi n'ibindi.

Ibyo byose byabaviriyemo kuba abanyabyaha, bamwe bariba bafungwa, abandi barirukanwa karahava. Ubwo niho batangiye kujya barya ruswa, ngo abirukanywebagarurwe ku kazi, abafashwe bafungurwe, abadafunze be gufungwa.

Abakozi bitwa ngo n'aba Leta, batangiye gukora ibintu bibi ku buryo n'abo mu nzego zo hejuru bibaga bakarya na ruswa mu nzego zaho.

Ubwo niko mu bihugu bimwe batangiye kujya barebana ay'ingwe Perezida ntiyumvikane na Minisitiri w'Intebe, Bourgmestre ntiyumvikane na Kontabule.

....

Abanyapolitiki barangana, bamwe ngo bataye umurongo barafungwa, abandi barahunga, nyuma hagiye hakurikiraho za cout d'Etat muri Afrika, hagiye haba ibintu wasangaga abaturage babyinubira, bamwe bati uwadusubiza ubukoloni kuko ibi ntacyo bitumariye.

Icyo nshaka kugeza ku basomyi banjye cyangwa ku bavandimwe banjye b'abanyarwanda bahora bibaza aho ruswa ikomoka n'abayizanye, kandi ngamije no kwibutsa abasomyi ko ruswa ntaho yagiye, ndetse ko na babandi twavuze haruguru bigize ishyano ryose ntaho bagiye, ko kandi n'abiba ibya Leta ntaho barajya, ko na babandi bashaka ibyubahiro ntaho bagiye, ko na babandi bashaka kurya no kwambara neza bagihari, ko kandi na ba bakobwa beza bagihari kandi bagikunzwe, ko na ya mazu meza agishakwa, ndagirango bamenye ko n'ubu ibyo byose hamwe n'andi makosa tugiririrwa tureba tuyarwa-
nye tuyazi.

Mu iyi nyandiko nta gishya uribusangemo, usibye byenda inama ndibugire bariya bantu, ndetse n'urubyaro rwacu ruzavuka nyuma kugirango ruzirinde amakosa akunze kuduteranya.
Birakomeye kugirango usobanurire umuntu ugifite inyota yo gukira vuba ububi bwa ruswa, ububi bwa magendu, ububi bwo kwimenya, ububi bwo kwiba umutungo w'abaturage.

Abantu bakunze kwamamaza ruswa na magendu (flaude) jye mbasanga mu bice bibiri:

1. Abategetsi muri Leta
2. Abanyapolitiki bagira abacuruzi ibikoresho byabo.

Abo bantu nibo bafite uko babona imali ndetse n'uburyo buhagije bwo gukora ibyo bashatse bitwaje inzego barimo. Nta muturage ufite aho ahuriye n'ayo mahano, yakura hehe ivatili irara igenda amajoro, akuye hehe Téléphone, akuye he amafaranga, akuye he umuntu uza kumutereta?

Dukwiye kumenya ko abobantu navuze haruguru, nibo bakunze guhilikana mu butegetsi, ni nabo bakunze gukenesha ibihugu byabo, baguri-sha, batanga n'imitungo yabyo; nka zahabu, diama, n'ibindi byose bigize ubukungu bwacu. cyangwa ubw'ibindi bihugu.

Ndagirango tumenye ko aribo bashobora kurangiza ibibazo bya Magendu cyangwa ibya ruswa, kuko bafite ububasha .
Abo bantu bangiza imitungo y'abaturage, kandi aribo babashyize ku ntebe, ndetse ku mbehe isendereye ibiryo, ariko bakarenga bakabahemukira; n'Ishya-
no. Aha rero niho witegereza ugasanga koko, inyamaswa nini zitunzwe n'
intoya aka wa mugani.

..//..

Muri Leta habamo agace k'abantu bake bakora ibyo byaha, kuko se badafati-
rwa ibihano ngo n'abandi barebereho ? Ibyo aribyo byose, uwo si wo waba
umuti wo kurangiza Ruswa, ariko byapfa gutinyisha abandi bagasa n'abikanze
no kuvuga ngo Magendu na Ruswa birarangiye simbizi kuko bikomeye.

Uburyo bwo kurangiza Ruswa na Magendu mu bihugu by'Afrika
biracyari kure, sinzi ko bizanashoboka. Nk'ubu muri Chine na Cuba niho wu-
mva ngo Ruswa igenda buhoro, cyangwa nta n'ihari, ariko ujya kumva ukumva
ngo bafashe abantu aba n'aba kubera kurya Ruswa cyangwa Magendu iyi n'iyi.

Leta yari ikwiriye guhagurukira ikibazo cya Ruswa na Magendu
ku buryo bukwiriye, Leta ikaberwanya bitabaye ibyo, ubwigenge duhora turi-
rimba ntaho bwaba bushingiye. Kandi natwe abaturage twakomeza konsa abo
bantu nyuma tukazicwa n'urwonko rwabo doro ko usanga bafite n'inzaseya nini.

Tulifuza ko twajya twiratana ubwigenge bwuzuye kandi twiratana
abategetsi nyabo, abategetsi barengera rubanda, abategetsi badashaka kuza-
muka basize abaturage babo mu rwobo, mu mwijima, mu bukene budashira
nk'aho hari uwabuturoze.

Ntabwo dukeneye guhora tuvuga ngo nangwa n'igihe iki n'iki, kandi abo baturindagiza muri za Ruswa batu-
ngo nagwa n'igihe cy'abazungu
marira imitungo muri za Magendu babe bazi ko twebwe abaturage tuba tubaha-
nze amaso, usibye ko nta ntege tuba dufite, nubwo ari twe twubaka bwose
kandi byose.

Ruswa yaje ite ? yaturutse hehe ? kugeza kuri iyi saha nandi-
tse iki gitabo nta muntu n'umwe yewe habe no kwa Basogokuruza wari wamenya
uwatangiye ruswa cyangwa uwayitangiranye. Gusa abashakashatsi n'abandi
banyabwenge bemeza ko Ruswa ishobora gucika.

Ariko kugirango tubone uko Ruswa yashira mu gihugu cyacu, nagi-
rango tubanze Tuyimenye. Ruswa n'iki ? iteye ite ?
Ruswa, ubwumvikane, impano, ishimwe, Rungunya, Gufogekwa, kurindagiza, imvugo
nziza, impongano n'andi mazina menshi yerekana ruswa n'ikintu cyangwa ibi-
ntu bitangwa kugirango hakorwe ikintu kitari gikwiye kubaho cyangwa gusho-
boka, urugero: kuba wakosheje ugomba guhanwa cyangwa ugafungwa ku bundi
buryo nko kwirukanwa ku kazi noneho ugatanga ikintu cyangwa ibintu, iyo
niyo Ruswa. Guhabwa urwanya udashoboye mu kazi n'ibindi n'ibindi.

Iyo rero urebye ugasanga iyo ruswa itembera muri za Biro hose, mu butegetsi muri za Brigade za Gandermerie, kwa Muganga, mu bucamanza,ndetse no mu gisilikare, mu nzego zose z'igihugu, urumva icyo gihugu cyaba kitarwaye indwara y'Ikimungu? Iri shyano ry'iyo ndwara mbi cyane ryakira ari uko twese dushatse umuti, ariko tubanje kumenya uko iyo ndwara itangira ndetse n'ibimenyetso byayo, uko ifata n'uwo yafashe n'abo yaba yaramaze gufata kera uko yaba amerewe. Abantu bo mu bihugu byateye imbere bemeza ko muri Afrika gutanga no kwakira ruswa byoroshye ngo nko/gusuhuza umuntu, kandi nanone bakemeza kokuyica byoroshye.

Ruswa cyangwa Magendu n'ikintu kibi cyane; muri iki gihe igihugu cyacu kivuye mu ngorane zatewe na bamwe mubo jye nita abaryi barya ruswa niba twaz za tuzagi/Nyagasani akadukura mu nzara zabo zityaye, twari dukwiriye kurwanya ruswa ku buryo bwo hejuru ku buryo ishobora kuzimangana uwakira n'utanga ruswa n'abantu ariko nk'uko nabivuze haruguru, n'abantu bo mu nzego ebyili: Umutegetsi n'Umunyemali, abo bombi bakomeje kudakomwa imbere ntaho igihugu cyaba kigana.

Abantu benshi barwanyije ruswa, arikona n'ubu baracyashakisha uburyo bwose baca ruswa. Hano iwacu ndibuka kohigeze kubaho ngo Komite ishinzwe kugenzura uburyo ruswa iribwa ngo ikagenzura uko abakozi ba Leta bagiye babona amafaranga yo kubaka amazu no kugura amamodoka n'ibindi byinshi baribarigwijeho, nyamara ntacyagezweho; cyagerwaho gite uwashyizeho iyo Komisiye ari umwe mu bafite ibyo bitangaza by'amazu;za rukururana, amasambu n'ibindi byinshi byiza. Ubwo se musomyi wanjye wumva iyo Komisiyo yari gukora iki? Nubwo itigeze itangira usibye gukora. Reka twe kubeshyana tujye tuvuga ukuri kuko n'Imana ikunda abanyakuri.

Kuva aho twaboneye ubwigenge imyaka ishize murayibona, ariko wari uzi ko kugeza ubu, hari umuturage wiyuhagira ku cyumweru ajya kwa Padri kubera iki ? Kubera ko agasabune ntaho agakura. Wari uzi ko hari umuturage utajya acana byibura akatadowa n'ugize ngo aragacana, ashyiramo mazutu kuko ariyo ihendutse, abandi bakabonesha mu nzu bakoresheje udukwi ku badufite; abandi babonesha amashara cyangwa imbagara, nyamra abandi bamurikirwa n'amashanyarazi.

Ni koko siko abantu bakirira rimwe, ariko se imfashanyo twagiye twumva ku maradiyo zakoze iki? zaramizwe, zubatse amazu, izindi zigurwa intwaro zo kurimbura umunyarwanda no kurinda abo barya ruswa na ruswa zabo. Biteye agahinda kubona kugeza ejobundi, u Rwanda rwinjira mu Ntambara abantu bari batangiye kwicwa n'inzara n'indwara kubera kubura ibiryo ndetse n'imit, ngo twarigenze,!ese nkwibalize musomyi wanjye ! Kuki mu myaka ibili kuva muri 1994 tutarumva aho abantu bagiye gusurwa n'abategetsi n'amazu yabo barahezemo nk'uko byagenze ku Gikongoro, kandi ubu aribwo igihugu kimeze nabi mu bukungu. Biramutse bikomeje bityo byashimisha buri munyarwanda ndetse n'umunyamahanga ubibona

ariko se bihindutse abantu bagacura abandi, ruswa igahabwa intebe, twaba tuva he tujya he ? Usibye ko Nyagasani yatabaye vuba iriya leta yashyizeho iyo Komisiyo navuze haruguru ngo ye kureba uburyo abantu bakira vuba igatabara iyo igumaho abaturage bari kuyibaza aho iyo Komisiyo igeze yerekana amatage n'amakamyo n'amasambu, amabenzi ,amazu yubatswe i Burayi, kuri Muhazi, ibigo bindi bihambaye nka Za Nkamira n'ibindi. Aho yari kubona igisubizo gihagije iha abanyarwanda.

Abanyarwanda bafite inyota yo kumenya ukuntu abategetsi kuva kuri Comptable wa Komine kugeza ku nzego zo hejuru bakira. Uwabisobanukiwe yagerageza kuduha imibare mu buryo bahita bazamuka atari ruswa cyangwa magendu cyangwa kunyereza ibyacu tureba.

Abanyarwanda baramutse babonye Leta ihagurukiye bariya barya ruswa ku buryo yabagaragaza bitari biriya twabonye ubushize, bafata umupolisi wa Komine ngo yariye ruswa y'inote y'ijana kugirango arekure umuturage wararanyije umusoro kubera ubukene aterwa n'abakire n'abategetsi biremye agatsiko bagamije kumunga umutungo w'igihugu, bazabyina bazaseka baziruhutsa babonye Ibigogoro bya ruswa byacakiwe.

Ndagirango menyeshe umusomyi ko, biriya byo gushyiraho za Komite cyangwa za Komisiyo yo kureba ko no gukurikirana ruswa n'abaryi bayo ntacyo bimaze. None se wagize ngo ruswa iribwa ku mugaragaro ? Reka da ! Ruswa ifite amazina menshi azwi, ndetse na bene kuyakira, bene kuyitanga na usibye ko ngiye gukubwibiramo amwe mu mazina nagiye menya nkoresheje ubwitonzi bwanjye:

1. Ruswa
2. Inyoroshyo
3. Rungunya,
4. Ubwumvikane
5. Gufogeka n'ayandi menshi. Gusa igikunze gukora n'ubwumvikane kuko ruswa itangirwa ahiherereye, ari nacyo cyerekana ko ari icyaha, kuyitanga no kuyakira ahiherereye, nk'uko uzi ko n'ibyaha byinshi bikorerwa ahiherereye, ntawe usambanira ahagaragara, nta wiba atabanje kwihisha, nuko rero ntawe urya ruswa ku mugaragaro, ayirya abanje gukinga, hakicara ugiye kuyitanga n'ugiye kuyakira. Bagamije kwica urubanza cyangwa kwirukanisha umukozi ngo hajye uwatanze ruswa. Kwica imanza gushaka amajwi mu matora n'ibindi byinshi ntarondoye.

Ruswa ishobora kuba amafaranga iyo ari umugabo uyitanga, iyo umugore cyangwa umukobwa yemera gusambana n'uwo, nubwo yenda byaba atari ukumukunda ari ukwigura, niyo mpamvu niba dushaka kubuza burundu SIDA gukomeza korora katerwa n'abayandura, kandi bisa no ku ngufu ngo yaba babaha akazi. Uwavanaho ruswa, ibi bintu bibi nabyo byahita biyi-

kurikira.



Hari imvugo yateye ubu ngo zana icyayi, banza ubonane na Muzehe, rambura intoki, ibwilize, bivuge neza, unywera he He? Abagore n'abakobwa bagahita bibwiliza no hasi ngo po !!! nzaba mbalirwa

Kugirango ruswa izaboneke ku buryo twese abashakashatsi dushyize hamwe, ndetse jye n'abo mbona bashobora kudufasha muri ubwo bushakashatsi, ari abakozi bo mu nzego zo hejuru kuko aribo baba bazi abo hasi yabo uko baje, no mu nzego za gisilikare na Gendarmerie ndetse na OPJ ba Komine n'abaturage, ibintu byagiye bisimburana abasimbuye abazungu barabanje bagacishaho bavanga ibyabo n'iby'abo bakuye ku ngoma karahava. Muri urwo rusobe ruvanze no guhuzagulika, ariko iyo urebye usanga ruswa yaradutse icyo gihe.Kuko mbere hose ntayarangwaga mu gihugu, iryo vanga ry'imico niryo ryazanye icyo cyorezo.

Bafashe umuco wacu n'uwa abazungu rubura gica, abo b'icyo gihe bakoresheje uburyo bwo kwita ku muco wa kizungu bibagirwa ubwitonzi bw'umunyarwanda aha niho bagiye bacikwa buhoro buhoro, bajekurabukwa ruswa imaze kwinjira hose mu gihugu. Abahanga mu bushakashatsi bemeza ko ruswa atari kintu cyahozeho mu muco w'igihugu, bemeza ko ruswa yazanye na bwa bwigenge twavuze haruguru, none se ni ryari umunyarwanda yigeze atanga iyo ruswa, ayiha nde, ayitangiye iki? Biriya byo gutanga no guhana imirima,abageni n'ibindi, n'umuco mwiza kandi nibyo byahaga ku mugaragaro ku manywa abantu bareba, ndetse bakanywa n'amayoga bakabyina,habagaho indabukirano,;iyo yo yar' inka cyangwa isambu bahaga uwagabanye, ibyo byerekana urukundo bakiranye uwo mutegetsi mushya bahawe; ariko ntibyababaga byitwa ruswa. Hari n'ibintu bitangwa byitwa amaturo ukabona umutegetsi cyangwa undi mushyitsi bamutuye, ingabo, amacumu, inka cyangwa ikindi bashatse, ariko ntibyitwe ruswa, aho rero bitandukanye na ruswa, nuko ibyo bitangwa ku mugaragaro, nyamara Bituga- ukwaha ariyo ruswa itangirwa mu cyumba cyangwa inyuma y'inzu cyangwa mu rwihisho bagamije gusenya kanaka cyangwa igihugu cyangwa gufungisha uriya cyangwa kumufungura, ibyo byose biri mu rwego rwo gusenya igihugu ndetse no gusenya abanyarwanda bose,

Utanga ruswa n'uyakira bose ni babi imbere y'Imana, kuko ubwabo ba bivanye mw'izina ry'umuntu bihaye izina ry 'ubugome biyambitse umugoma, birazwi ko abategetsi bakunze kuva mu barusha abandi ubukire cyangwa amashuli, ibyo nibyo umutegetsi yari akwiriye kuza ari umukire atari inkirabuheli, kandi n'iyo aje akomeza guhabwa impano ku buryo ahita ahinduka umukire kandi akagira n'icyubahiro.

Ariko se n'urya ruswa yahabwa icyubahiro ? cyahe cyo kajya, n'iyo bamukomera mu mashyi, rimwe na rimwe baba bashira kuko baba bibuka imigiriyeye yo kurya ruswa kuko yarembeje igihugu ugasanga we aribyshya ngo rubanda iramukunda, byahe :!! icyo gihe aba yatangiye kwangwa no gusuzugurwa burundu.

..§..